*Umwaka wa 44 n° idasanzwe*
*yo ku wa 25 Kanama 2005*

*Year 44 n° special*
*of 25 August 2005*

*44ème Année n° spécial*
*du 25 août 2005*

| Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda | Official Gazette of the Republic of Rwanda | Journal Officiel de la République du Rwanda |
|---|---|---|

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

***Amategeko/Laws/Lois***

**N° 10/2005 ryo kuwa 28/07/2005**
Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga...................................
**N° 18/2005 ryo kuwa 20/08/2005**
Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 41/2004 ryo kuwa 30/12/2004 rigena imari ya Leta y'umwaka wa 2005.......................................................................................................

**N° 10/2005 of 28/07/2005**
Organic Law modifying and complementing Organic Law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court......................
**N° 18/2005 of 20/08/2005**
Law modifying and complementing the Law n° 41/2004 of 30/12/2004 determining the State finances for the 2005 fiscal year…………………………………………………………...

**N° 10/2005 du 28/07/2005**
Loi Organique modifiant et complétant la Loi Organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême……………………………...
**N° 18/2005 du 20/08/2005**
Loi modifiant et complétant la Loi n° 41/2004 du 30/12/2004 portant fixation des finances de l'Etat pour l'exercice 2005…………………………………………………………………

ANNEXE I : Ressources de l'Etat………………………………………………………………

ANNEXE II : Dépenses de l'Etat…………………………………………………………….
- Annexe II.1 : Dépenses ordinaires par nature fonctionnelle……………………………….……
- Annexe II.2 : Dépenses ordinaires par programme et sous-programme………….………..
- Annexe II.3 : Dépenses ordinaires par nature économique………………………...……
- Annexe II.4 : Dépenses ordinaires par Ministère et par Province…..…………….……..
- Annexe II.5 : Budget de développement par Ministère et par projet………………..…..

**ITEGEKO NGENGA N° 10/2005 RYO KUWA 28/07/2005 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 01/2004 RYO KU WA 29/01/2004 RIGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BY'URUKIKO RW'IKIRENGA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 14 Nyakanga 2005;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 16 Kamena 2005;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 88, iya 90, iya 93, iya 108, iya 113, iya 118, iya 144, iya 145, iya 146, iya 147, iya 148, iya 181, iya 182 n'iya 201;

Isubiye ku itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 19, iya 20, iya 21, iya 22, iya 23, iya 44, iya 107, n'iya 111;

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya mbere:</u>**

Ingingo ya 19 y'itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize , imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira :

"Hashyizweho urwego rw' Ubunyamabanga Bukuru bw'Urukiko rw'Ikirenga ruyobowe n'Umunyamabanga Mukuru w'Urwo Rukiko.

Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga agengwa na Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta. Ashyirwaho kandi akurwaho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika, abisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga" .

**<u>Ingingo ya 2 :</u>**

Ingingo ya 20 y'itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize , imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira :

"Abakozi bashinzwe imirimo inyuranye mu rwego rw'Ubunyamabanga Bukuru bw'Urukiko rw'Ikirenga bagengwa na Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta" .

**<u>Ingingo ya 3 :</u>**

Ingingo ya 21 y' itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira **:**

"Hashyizweho urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko mu Rukiko rw'Ikirenga ruyobowe n'Umugenzuzi Mukuru yunganiwe n'Abagenzuzi.

Imiterere y'urwo rwego n'inshingano zarwo mu buryo burambuye bigenwa n'iteka rya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, byemejwe n'Inama Nkuru y'ubucamanza.

Umugenzuzi Mukuru n'Abagenzuzi b'Inkiko batoranywa mu bacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika. Bemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa na nyir'ubwite, Inama Nkuru y'Ubucamanza ishobora kuvana Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi kuri iyo mirimo.

Umugenzuzi Mukuru n'Abagenzuzi bagengwa n'amategeko agenga abacamanza n'abakozi b'inkiko.

Mu gihe Umugenzuzi Mukuru n'Abagenzuzi bakora umurimo w'ubugenzuzi ntibemerewe gukora umurimo wo guca imanza".

**Ingingo ya 4 :**

Ingingo ya 22 y' itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ivanyweho.

**Ingingo ya 5 :**

Ingingo ya 23 y'itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira :

"Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ni we ushinzwe ubuyobozi bw'Urukiko. Ashinzwe ibijyanye n'ubutegetsi, imikorere n'imyifatire y'abakozi b'urwo Rukiko.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ashyira umukono ku byemezo byo gushyira mu myanya , kuzamura mu ntera no kuvana ku mirimo abacamanza, abagenzuzi n'abanditsi b'Urukiko.

Afite ububasha bwo gutanga ibihano ku bacamanza bo mu Rukiko ayobora hakurikijwe amategeko abagenga.

Ayobora iburanisha ry'imanza mu gihe abona ko ari ngombwa kandi akanayobora n'itangiza ku mugaragaro ry'imihango y'umwaka w'ubucamanza.

Atanga amabwiriza kandi agafata ibyemezo byerekeye imikorere y'inkiko zo mu gihugu.

Agena, bimaze kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, imyambaro abacamanza bo mu Nkiko zose zisanzwe bambara mu iburanisha no mu birori bya Leta".

**Ingingo ya 6 :**

Ingingo ya 44 y' itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Mu manza z'inshinjabyaha, Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rwonyine rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma Perezida wa Repubulika, Perezida w' Umutwe wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe kubera ibyaha bakoze bakiri ku kazi kabo, byaba bijyanye n'ako kazi cyangwa imibereho yabo bwite mu gihe bakiri cyangwa batakiri ku kazi. Baburanishwa kandi bwa mbere n'ubwa nyuma n'urwo Rukiko, igihe bakiri muri iyo myanya, ku byaha bakoze batarayijyamo.

Urwo Rukiko ni na rwo kandi ruburanisha abafatanyije na bo mu gukora ibyaha bashinjwa cyangwa ibyitso byabo.

Nyamara mu gihe akiri mu kazi ke, Perezida wa Repubulika ntashobora gukurikiranwa no kuburanishwa ku byaha yakoze, Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, itabanje gufata icyemezo cyo kumurega ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu ( 2/3) by'amajwi y'abagize buri Mutwe".

**Ingingo ya 7 :**

Ingingo ya 107 y' itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira :

"Ikirego kinenga itorwa ry'uwatsinze kimenyeshwa mu nyandiko uregwa n'Umwanditsi w'Urukiko, kikanamenyeshwa kandi na Minisitiri ufite amatora mu nshingano ze. Umwanditsi w'urukiko amenyesha kandi uregwa ko afite iminsi itanu (5) kugira ngo abe yatanze ingingo yireguza mu nyandiko".

**Ingingo ya 8:**

Ingingo ya 111 y' itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira :

"Mu minsi itarenze icumi (10) uhereye igihe rwakiriye ikirego, Urukiko rw'Ikirenga rugomba kuba rwafashe icyemezo. Rufata icyemezo kigaragaramo impamvu zatumye gifatwa kikamenyeshwa kandi abatanze ikirego cyangwa ababahagarariye, ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri w'Intebe, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze".

**Ingingo ya 9:**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 10:**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 28/07/2005

Perezida wa Repubulika
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Minisitiri w'Intebe
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

Minisitiri w'Ubutabera
**MUKABAGWIZA Edda**
**(sé)**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta, Amahugurwa n'Umurimo
**EL HADJ BUMAYA André Habib**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

Minisitiri w'Ubutabera
**MUKABAGWIZA Edda**
**(sé)**

**ORGANIC LAW N° 10/2005 OF 28/07/2005 MODIFYING AND COMPLEMENTING ORGANIC LAW N° 01/2004 OF 29/01/2004 ESTABLISHING THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND JURISDICTION OF THE SUPREME COURT**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic,

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION AND PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 14 July 2005;

The Senate, in its session of 16 June 2005;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date, especially in its articles 62, 88, 90, 93, 108, 113, 118, 144, 145, 146 147, 148, 181, 182 and 201;

Revisited organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court, especially in its articles 19, 20, 21, 22, 23, 44, 107 and 111;

**ADOPTS:**

**Article One:**

Article 19 of organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is modified and complemented as follows:

"There is hereby established an office of the General Secretariat of the Supreme Court headed by the Secretary General of the Court.

The General Statutes for Rwanda Public Service shall govern the Secretary General of the Supreme Court. The order of the President appoints the Secretary General upon request by the President of the Supreme Court".

**Article 2:**

Article 20 of organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is modified and complemented as follows:

"The staff of the General Secretariat of the Supreme Court are governed by the General Statutes for Rwanda Publics Service".

**Article 3:**

Article 21 of organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is modified and complemented as follows:

"There is hereby established an office of the Inspectorate General of Courts in the Supreme Court headed by the Inspector General assisted by Court inspectors.

The detail of organisational structure and functions of the Inspectorate General of Courts are determined by an order of the President of the Supreme Court upon approval by the Superior Council of the Judiciary.

The Inspector General and the Inspectors of courts are selected from among the judges of the High Court of the Republic. They are approved by the Superior Council of the Judiciary upon request by the President of the Supreme Court.

Upon request by the President of the Supreme Court or by the person concerned, the Superior Council of the Judiciary may dismiss the Inspector General or an Inspector from his or her post.

The Inspector General and Inspectors are governed by the law governing the status of judges and other judicial personnel.

While the Inspector General and the Inspectors perform the duty of inspection, they are not allowed to perform the duty of adjudicature".

**Article 4:**

Article 22 of organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is repealed.

**Article 5:**

Article 23 of organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is modified and complemented as follows:

"The President of the Supreme Court is responsible for the administration of the Court. He or she is charged with the administration, functioning and discipline of the personnel of the Supreme Court.

The President of the Supreme Court signs the instruments relating to appointment, promotion and dismissal of judges, Inspectors and court registrars of the Supreme Court.

He or she has powers to take disciplinary measures against judges of the Supreme Court in accordance with the laws governing their career.

He or she presides over court proceedings whenever he or she deems it necessary and presides over ceremonies marking the beginning of the judicial year.

He or she issues instructions and takes decisions concerning the functioning of courts in the country.

He or she determines, upon approval by the Superior Council of Judiciary, the dress code of judges of all ordinary courts during court proceedings and for official ceremonies".

**Article 6:**

Article 44 of organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is modified and complemented as follows:

"In criminal cases, the Supreme Court has exclusive jurisdiction to try, on first and the final degree, the President of the Republic, the President of the Senate, the President of the Chamber of Deputies, the President of the Supreme Court and the Prime Minister for offences committed during their terms of office, whether such offences relate to the exercise of their public duties or their private matters, regardless of whether they are still in or have ceded to hold office. During the time when they are still in their posts, the court also tries them on the first and the last instances on offences they committed before occupying such posts.

The court also has jurisdiction to try their accomplices.

However, the President of the Republic shall not, while still in office, be subject to investigation or prosecution for crimes he or she has committed until both Chambers of Parliament meet in joint session resolved to charge him or her by a majority vote of two-thirds (2/3) of the members of each Chamber".

**Article 7:**

Article 107 of organic law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is modified and complemented as follows:

"The petition contesting the election of the winner is notified in writing by the Chief Registrar to the respondent and to the Minister having elections in his or her attributions. The Chief Registrar of the Court also informs the respondent that he or she has five (5) days within which to file, in writing, the grounds of defence".

**Article 8:**

Article 111 of organic Law n° 01/2004 of 29/01/2004 establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court is modified and complemented as follows:

The Supreme Court makes its ruling on petition within a period of ten (10) days as of the day the petition is lodged. The ruling must indicate the grounds of the decision and is communicated to petitioners or their representatives, the President of both Chambers of the Parliament, , the Prime Minister, the President of National Electoral Commission and the Minister having local administration in his or her attributions".

**Article 9:**

All previous legal provisions contrary to this organic law are hereby repealed.

**Article 10:**

This organic law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 28/07/2005

The President of the Republic
**KAGAME Paul**
**(sé)**

The Prime Minister
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

The Minister of Justice
**MUKABAGWIZA Edda**
**(sé)**

The Minister of Public Service, Skills Development and Labour
**EL HADJ BUMAYA André Habib**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice
**MUKABAGWIZA Edda**
**(sé)**

**LOI ORGANIQUE N° 10/2005 DU 28/07/2005 MODIFIANT ET COMPLÉTANT LA LOI ORGANIQUE N° 01/2004 DU 29/01/2004 PORTANT ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPÉTENCE DE LA COUR SUPRÊME**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés réunie en sa séance du 14 juillet 2005 ;

Le Sénat en sa séance du 16 juin 2005 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 88, 90, 93, 108, 113, 118, 144, 145, 146, 147, 148, 181, 182 et 201 ;

Revu la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême spécialement en ses articles 19, 20, 21, 22,23, 44, 107 et 111 ;

**ADOPTE :**

**Article premier :**

L'article 19 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême est modifié et complété comme suit :

« Il est créé un Secrétariat Général au sein de la Cour Suprême dont la direction est confiée au Secrétaire Général de cette Cour.

Le Secrétaire Général de la Cour Suprême est régi par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise. Il est nommé et révoqué par Arrêté Présidentiel sur demande du Président de la Cour Suprême ».

**Article 2 :**

L'article 20 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême est modifié et complété comme suit :

« Les agents affectés dans les différents services du Secrétariat Général de la Cour Suprême sont régis par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise ».

**Article 3 :**

L'article 21 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême est modifié et complété comme suit :

« Il est créé au sein de la Cour Suprême, un service d'Inspection Générale des Cours et Tribunaux dont la direction est confiée à un Inspecteur Général assisté par les Inspecteurs.

L'organigramme ainsi que les attributions de ce service sont déterminés par ordonnance du Président de la Cour Suprême, sur approbation du Conseil Supérieur de la Magistrature.

L'Inspecteur Général et les Inspecteurs des Cours et Tribunaux sont choisis parmi les juges de la Haute Cour de la République. Ils sont nommés par le Conseil Supérieur de la Magistrature sur proposition du Président de la Cour Suprême.
Le Conseil Supérieur de la Magistrature peut mettre fin aux fonctions d'Inspecteur Général ou d'Inspecteur des Cours et Tribunaux sur demande du Président de la Cour Suprême ou du concerné.

L'Inspecteur Général  et les Inspecteurs des Cours et Tribunaux sont régis par la loi portant statut des juges et des agents de l'ordre judiciaire.

Pendant l'exercice de leurs fonctions, l'Inspecteur Général et les Inspecteurs des Cours et Tribunaux ne peuvent pas rendre de décisions judiciaires ».

**Article 4 :**

L'article 22 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême  est abrogé.

**Article 5 :**

L'article 23 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême  est modifié et complété comme suit :

La Cour Suprême est placée sous l'autorité du Président de la Cour Suprême. Il assure l'administration, le fonctionnement et la discipline intérieure de la Cour.

Le Président de la Cour Suprême signe les actes de nomination, de promotion et de révocation des juges, des Inspecteurs et des greffiers de la Cour.

Il exerce le pouvoir disciplinaire sur tous les juges de la Cour Suprême conformément à la procédure disciplinaire établie par les dispositions légales les régissant.

Il préside les audiences de la Cour lorsqu'il le juge opportun et préside l'audience de la rentrée judiciaire.

Il donne les instructions et autres directives nécessaires au fonctionnement des Cours et Tribunaux du pays.

Il détermine, après approbation par le Conseil Supérieur de la Magistrature, la tenue des audiences et des cérémonies officielles des juges de toutes les juridictions ordinaires ».

**Article 6 :**

L'article 44 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême  est compété et modifié comme suit :

« La Cour Suprême est seule compétente pour juger au pénal, au premier et au dernier ressort, le Président de la République, le Président du Sénat, le Président de la Chambre des Députés, le Président de la Cour Suprême et le Premier Ministre pour les infractions commises dans l'exercice de leurs fonctions même à titre privé, qu'ils soient encore en service ou qu'ils aient cessé leurs fonctions. La même juridiction est compétente pour les juger au pénal lorsqu'ils sont encore en fonctions, au premier et en dernier ressort, pour les infractions commises avant d'accéder à ces fonctions.

La Cour Suprême statue en outre sur les poursuites dirigées contre leurs coauteurs ou leurs complices.

Néanmoins, le Président de la République ne peut faire l'objet des poursuites pénales qu'après la décision de mise en accusation votée par les deux Chambres réunies du Parlement à la majorité des deux tiers (2/3) de chaque Chambre ».

**Article 7 :**

L'article 107 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême  est compété et modifié comme suit :

« Le Greffier de la Cour notifie, par écrit, la requête au candidat dont l'élection est contestée ainsi qu'au Ministre ayant les élections dans ses attributions. Il informe en outre le candidat dont l'élection est contestée qu'il dispose d'un délai de  cinq (5) jours pour produire ses moyens de défense ».

**Article 8** :

L'article 111 de la loi organique n° 01/2004 du 29/01/2004 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême est compété et modifié comme suit :

« La Cour rend sa décision dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours à compter du jour de l'enregistrement de la requête. Sa décision doit être motivée et portée à la connaissance des requérants ou de leurs représentants, des Présidents des deux Chambres du Parlement, du Premier Ministre, du Président de la Commission Electorale Nationale et du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions ».

**Article 9** :

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**Article 10** :

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 28/07/2005

Le Président de la République
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Le Premier Ministre
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

Le Ministre de la Justice
**MUKABAGWIZA Edda**
**(sé)**

Le Ministre de la Fonction Publique, du Développement des Compétences et du Travail
**EL HADJ BUMAYA André Habib**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

Le Ministre de la Justice
**MUKABAGWIZA Edda**
**(sé)**

**ITEGEKO N° 18/2005 RYO KUWA 20/08/2005 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 41/2004 RYO KUWA 30/12/2004 RIGENA IMARI YA LETA Y'UMWAKA WA 2005**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 04 Kanama 2005;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 79, iya 81, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, iya 118, iya 183, iya 184 n'iya 201;

Ishingiye ku itegeko-teka n° 23/79 ryo kuwa 31 Kanama 1979 ryerekeye ibarura ry'imari ya Leta, ryemejwe n'itegeko n° 01/82 ryo kuwa 26 Mutarama 1982 ryemeza amategeko-teka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 24;

Isubiye ku itegeko n° 41/2004 ryo kuwa 30/12/2004 rigena Ingengo y'Imari ya Leta y'umwaka wa 2005, cyane cyane mu ngingo zaryo iya mbere, iya 2 n'iya 3;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Ingingo ya mbere y'itegeko n° 41/2004 ryo kuwa 30/12/2004 rigena Ingengo y'Imari ya Leta y'umwaka wa 2005, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Hakurikijwe imbonerahamwe "A" ikurikira, amafaranga ateganyijwe kwinjira mu ngengo y'imari rusange ya Leta mu mwaka wa 2005, harimo impano n'inguzanyo, ahwanye na **MILIYARI MAGANA ATATU NA MIRONGO IRINDWI N'ENYE NA MILIYONI MAGANA ATATU NA MAKUMYABIRI N'ESHATU N'IBIHUMBI MAGANA CYENDA NA MIRONGO ICYENDA NA BINE NA MAGANA CYENDA NA MAKUMYABIRI N'ANE (374.323.994.924 Frw)**.

Ibisobanuro birambuye byerekeye amafaranga ateganyijwe kwinjira mu isanduku ya Leta akomoka ku misoro cyangwa ahandi n'ibyerekeye umutungo uturutse hanze, biri mu mugereka wa I w'iri tegeko.

Ayo mafaranga akwirakwijwe ku buryo bukurikira:

Imbonerahamwe “A”:

| | |
|---|---|
| **I. AMAFARANGA YINJIRA AVA IMBERE MU GIHUGU** | **181.238.267.924** |
| **a. Amafaranga yinjira ava ku misoro** | **150.504.100.000** |
| **Imisoro yakwa ku nyungu** | **38.013.000.000** |
| - Ku bantu ku giti cyabo | 20.342.300.000 |
| - Ku masosiyete | 17.670.700.000 |
| **Imisoro ku mitungo itimukanwa** | **800.000.000** |
| **Imisoro yakwa ku mitungo yimukanwa n'imirimo ikorerwa mu Gihugu** | **80.018.000.000** |
| - Imisoro ku nyongeragaciro (TVA) | 53.596.000.000 |
| - Imisoro ku byaguzwe yakwa ku nzoga | 10.043.200.000 |
| - Imisoro ku byaguzwe yakwa ku mitobe n'amazi | 2.175.400.000 |
| - Imisoro ku byaguzwe yakwa kuri peteroli | 9.657.600.000 |
| - Imisoro ku byaguzwe yakwa ku itabi ry'amasegereti | 2.872.900.000 |
| - Imisoro yakwa ku binyabiziga binyura mu muhanda | 862.000.000 |
| - Imisoro yakwa ikurikije ubushobozi bw'imodoka | 113.400.000 |
| - Imisoro ku byaguzwe yakwa kuri za divayi na za likeri | 431.000.000 |
| - Imisoro ku mamodoka | 183.700.000 |
| - Imisoro yakwa ku mata y'ifu | 82.800.000 |
| **Imisoro ikomoka ku bucuruzi n'amahanga** | **31.673.100.000** |
| - Imisoro ku byinjira mu Gihugu | 15.634.000.000 |
| - Imisoro ikomoka ku kuringaniza imihindagurikire y'ibiciro | 3.023.000.000 |
| - Andi mafaranga yinjira ku bucuruzi n'amahanga | 1.000.000.000 |
| - Amafaranga yinjizwa n'ibigega bya MAGERWA | 2.400.000.000 |
| - Amafaranga yinjizwa avuye ku bikomoka kuri peteroli | 4.284.000.000 |
| - Amafaranga yinjizwa avuye ku bikomoka ku isukari | 1.244.000.000 |
| - Imisoro yakwa Electrogaz kubera peteroli yatumije hanze | 4.088.100.000 |
| **b. Amafaranga yinjira atava ku misoro** | **19.117.900.000** |
| - Amafaranga akomoka ku bihano no ku byafatiwe bidatewe n'amakosa yo mu rwego rw'imisoro | 762.800.000 |
| - Inyungu ku mikoreshereze y'imari y'ibigo bya Leta | 4.196.000.000 |
| - Amafaranga akomoka ku mutungo utimukanwa wa Leta | 10.674.100.000 |
| - Amafaranga akomoka ku mirimo ikorwa n'ubutegetsi | 3.485.000.000 |
| **c. Andi mafaranga ava imbere mu Gihugu** | **11.616.267.924** |
| - Inyandiko mpeshamwenda w'Isanduku ya Leta | 9.616.267.924 |
| - Inyandiko mpeshamwenda CHR | 2.000.000.000 |
| **II. AMAFARANGA YINJIRA AVA MU MAHANGA** | **193.085.727.000** |
| **a. Impano** | **152.935.125.000** |
| - Impano zisanzwe | 100.795.000.000 |
| - Impano zishowe | 52.140.125.000 |
| **b. Inguzanyo zikomoka mu mahanga** | **40.150.602.000** |
| - Inguzanyo zigenewe imishinga | 25.947.502.000 |
| - Inguzanyo zisanzwe | 14.203.100.000 |
